RWPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

B.P………………

**INYANDIKO IHINNYE YO KUMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA**

**RP 0082/16/TGI/HYE**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa 25 w'ukwezi kw'ukwakira;

Twebwe TUGIZAMAHIRWE Olive; Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa Huye,

Tumaze kubona urubanza RP 0082/16/TGI/HYE, ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Huye buregamo uwitwa NSABIHORAHO Jean Damascène, icyaha cyo kurigisa umutungo wa Leta giteganywa kandi kigahanishwa ingingo 325 y'itegeko Ngenga n° 1/12/OL ryo kuwa 2/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, n'icyaha cyo kwigwizaho umutungo, giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 636 y'itegeko Ngenga n° 1/12/OL ryo kuwa 2/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, rukaba rwaraciwe n'uru Rukiko Rwisumbuye rwa Huye kuwa 30/12/2016;

Dushingiye ku ngingo ya 168 y'itegeko n° 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Duteguye iyi nyandiko ihinnye y'urubanza RP 0082/16/TGI/HYE rwa **NSABIHORAHO Jean Damascène** mwene Rwagasore Vianney na Mukandinda Appoline wavutse 1984, avukira mu murenge wa Kabagari, akarere ka Ruhango, intara y'Amajyepfo, abarizwa mu murenge wa Gatsata akarere ka Gasabo, umujyi wa Kigali, muri Repubulika y'U Rwanda, wakurikiranwe nk'uwatorotse ubutabera;

Urukiko rushingiye ku ngingo ya 325 na 636 z''itegeko Ngenga n° 1/12/OL ryo kuwa 2/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, amenyeshejwe imikirize y'urubanza iteye itya:

*Rwemeje ko ikirego cy' ubushinjacyaha gifite ishingiro.*

*Rwemeje ko Nsabihoraho Jean Damascène ahamwa n' icyaha cyo kurigisa umutungo wa Leta giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 325 hamwe n' icyaha cyo kwigwizaho umutungo giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 636, z' itegeko Ngenga n° 1/12/OL ryo kuwa 2/05/12 rishyiraho igitabo cy' amategeko ahana.*

*Rumuhanishije igihano cy'igifungo cy' imyaka icumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y' u Rwanda miliyoni magana abiri na mirongo icyenda n' ibihumbi magana inani na cumi na bine n'amafaranga magana atatu na mirongo itanu (290.814.350).*

*Rumutegetse kwishyura akarere ka Nyanza amafaranga yako yarigishije angana na miliyoni mirongo itanu n' umunani n' ibihumbi ijana na mirongo itandatu na bibiri. n'amafaranga magana inani na mirongo irindwi (58.162.870).*

*Rumutegetse kwishyura amafaranga y'itangazo ryatanzwe angana n' ibihumbi ijana na mirongo itanu na bitatu n' amafaranga magana ane (153.400).*

*Rumutegetse kwishyura amafaranga y' amagarama y' urubanza ibihumbi mirongo itanu (50.000).*

<u>UMENYESHEJWE</u>: **NSABIHORAHO Jean Damascène**

TUGIZAMAHIRWE Olive

UMWANDITSI W'URUKIKO UTEGUYE IYI NYANDIKO